



Monseigneur Anaclet MWUMVANEZA
Evêque de Nyundo

Téléphone : (+250) 788307736
B.P. 85 GISENYI-RWANDA
E-mail : evechenyundo@gmail.com
mgrmwumvaneza@gmail.com
Web Site : www.nyundodiocese .info

1

**UBUTUMWA BWA NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI
ANACLET MWUMVANEZA, UMWEPISKOPI WA DIYOSEZI
YA NYUNDO BUGENEWE ABASASERDITI, ABIHAYIMANA
N'ABAKRISTU
MURI DIYOSEZI YA NYUNDO MURI IBI BIHE BYO
KWIRINDA CORONAVIRUS TUGUMA MU NGO ZACU**

Impamyu : Twisungane tugarure umutima ku Mana

Basaserdoti, Bihayimana
Bakristu, Bavandimwe ba Diyosezi ya Nyundo

Muri iyi minsi iki cyorezo cya Coronavirus cyatumye tuguma mu ngo zacu mwakomeje kubona ubutumwa bunyuranye twabagejejeho mu rwego rw'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda, mu rwego rw'Ihuriro ry'Amadini, Amatorero na Kiliziya Gatolika; dukomeza kubasaba kubahiriza amabwiriza twahawe n'Ubuyobozi bukuru bw'Igihugu cyacu kugira ngo twirinde ikwirakizwa ry'iriyi Virus ya COVID 19; ariko kandi tunabasaba cyane cyane gukomeza kwiragiza Imana mu masengesho yacu, Yo Musumba byose ngo idukize iki cyago.

Na none kandi muri urwo rwego, mu ntangiriro z'iki cyumweru, mwabonye n'ubundi butumwa bwa Caritas RWANDA buduhamagarira gukomeza umutima w'Urukundo dusangira ibyo dufite n'abashonji badafite ikibatunga muri iki gihe cyane cyane ko ingaruka z'iki cyorezo hari abavandimwe bacu zatangiye kugeraho bakaba batakibasha kubona ikibaramutsa.

Nongeye kubasaba rero, Basaserdoti, Bihayimama, Bakristu, Bavandimwe, ngo tureke kwiheba, ahubwo twisungane tugarure umutima ku Mana.

7

Iyi minsi iki cyorezo cya Coronavirus gitumye tuguma mu ngo zacu twese ntidupfire ubusa. Nitubere umwanya wo kubana mu rugo, twubaka umuryango. Umuryango ujya inama, umuryango usenga, umuryango ufashanya kugarura umutima ku Mana no kuyigarukira.

Nk'uko n'ubundi mu cyerekezo y'Iyogezabutumwa muri uyu mwaka twari tubifite mu ntego ko tugomba kunga ubumwe muri Kiliziya, tugira Paruwasi yacu Umuryango buri wese yibonamo; nitubishimangire noneho tubihereye aho imuhira dore ko n'ubusanzwe Kiliziya y'ibanze ari umuryango aho iwacu mu rugo.

Ubwo tubifitiye umwanya uhagije, nitwicarane dusenge. Dusengere imbaga y'Imana kw'isi yose yugarijwe n'iki cyago cya Coronavirus. Dusengere kandi ingo zacu kugira ngo zirusheho gutunganira Imana. Dusabire abo cyamaze guhitana, dusabire abaganga bakora ijoro n'umunsi bita kubo cyamaze gufata. Dusabe ngo iki cyago ntikizatugereho. Nkuko dusanzwe tubisaba mw'Isengesho rya Dawe uri mw'Ijuru, dusenge dusaba ngo Ingoma y'Imana yogere hose, dusenge dusaba ngo n'abashonji babone ifunguro ribatunga rya buri munsi, dusenge dusaba ngo Imana ntidutererane ahubwo idukize iki cyago. Ibyo byose tubisabe m'ukuri kw'imitima yuje urukundo, twiringira Imana Umubyeyi wacu ugira impuhwe kandi wumva abamutakambira.

Ndabararikira rero kunoza neza iyi migambi yo kwisuganya tugarura umutima ku Mana. Byaba byiza tubashije guhamya amasaha tuzajya duhuriraho mw'isengesho iwacu twese mu rugo. Ababana mu rugo rumwe, mukabyigaho hamwe, maze mukabyemeza. Hari amasengesho ya mugitondo twahuriraho twese mu rugo, hari Missa yaburi munsi kuri Radio Mariya(aho ishobora kumvikana) twakumvira hamwe, hari indamutso ya Malayika twahuriraho saa sita z'amanywa, hari ishapule dushobora guhuriraho twese mu masaha y'igicamunsi. Ku mugoroba dushobora gufata umwanya uhagije wo kwicara hamwe, tugasoma Ijambo ry'Imana, buri wese agasangiza abandi icyo arikuyemo kandi cyagirira abandi akamaro, ibyo bigasozwa n'amasengesho asanzwe ya nimugoroba. Muri iki gihe kandi tukiri no mugisibo, byaba byiza duteganyije n'umwanya wo gusomera hamwe inzira y'umusaraba.

Muri make, iyi minsi yo kuguma mu ngo zacu, nitubere n'umwanya wo kurushaho kuganira ku buryo bwo kuvugurura umubano ubereye abana b'Imana. Ababyeyi, murusheho gukundisha abana gusenga no kwiragiza Imana.

N'igihe Imana izadukiriza iki cyago, kandi turabyizeye, tuzabe twaravanyemo imigambi mishya yo kuyigarukira kuko tuzaba twariboneye n'amaso yacu ko iby'isi atari byo maherezo yacu, ko ahubwo amaherezo yacu ari mu Mana yacu.

Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu, Bavandimwe ba Diyosezi ya Nyundo, nidukomeze dutakambire Imana iratwumwa, ntashiti izaturinda ibi byago byose. Nitwikomezemo ukwemera, ukwizera n'urukundo mu ngo zacu twese.

Muhumure, Umubyeyi w'abakene, Umurinzi wa Diyosezi yacu, aradusabira, tumwisunge tumwizeye.

Dusabe : Nyagasani Mana yacu, Wowe mirukiro yacu mu makuba yose, ukaba imbaraga zacu igihe cy'indwara z'ibyorezo, ukaba umuhoza wacu igihe cy'amarira, girira imbabazi abayoboke bawe bari mukaga batewe n'iyi Coronavirus, maze ubahe kwiruhutsa babikesheje impuhwe zawe. Ku bwa Yezu Kristu Umwana wawe n'Umwami wacu, Imana mubana mugategekana mu bumwe bwa Roho Mutagatifu, uko ibihe bihora bisimburana iteka ./Amen.

Ushoborabyose nabahe umugisha, Imana Data, na Mwana, na Roho Mutagatifu.

Bikorewe ku Nyundo, ku wa 01 Mata 2020



✠ **Anaclet MWUMVANEZA,**
Umwepiskopi wa Diyosezi ya NYUNDO